FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

B.P. 2000 KigaliEmail :
ferwafa@yahoo.frWeb site:
www.ferwafa.rw

Kigali ku wa 12/08/2025

## KOMISIYO Y'AMATORA

## ITANGAZO RIREBANA N'URUTONDE NDAKUKA RW'ABAKANDIDA BEMEREWE KWIYAMAMAZA MU MATORA Y'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI YA FERWAFA.

Dushingiye ku mategeko shingiro ya FERWAFA nk'uko yemejwe n'inama y'inteko rusange yo kuwa 03/05/2025, mu ngingo yayo ya 59, agace ka (1) kagira kati: "***Komisiyo y'amatora ni urwego rushinzwe gutunganya no kugenzura imigendekere y'amatora hakurikijwe amategeko agenga amatora ya FERWAFA.***"

Dushingiye ku nyandiko ya Bwana HUNDE RUBEGASA Walter yo ku wa 25/07/2025 yo gukura kandidatire n'urutonde rwe mu matora ya FERWAFA;

Dushingiye kandi ku mategeko agenga amatora ya FERWAFA nk'uko yemejwe n'inteko Rusange ya FERWAFA yo kuwa 29 Ukwakira 2017; cyane cyane mu ngingo yayo ya 11, mu gika (3) agace (c) kagira kati : "Mu ***gihe umuntu uyoboye urutonde rw'abiyamamaza yivanye mu biyamamaza cyangwa ukwiyamamaza kwe kutemewe kandi igihe cyo gutanga kandidatire cyararangiye urutonde rwose ubwo ruba imfabusa***"

Dushingiye ku cyemezo cya komisiyo y'ubujurire ku matora ya FERWAFA ku ibaruwa isaba komisiyo gutesha agaciro urutonde rw'abakandida bayobowe na Bwana SHEMA NGOGA Fabrice yanditswe ku wa 29/07/2025 na Bwana RURANGIRWA Louis; Komiseri ushizwe umutekano na Bwana NGENDAHAYO Vedaste; Komiseri ushinzwe amakipe y'igihugu muri FERWAFA, ko ntashingiro ifite;

Dushingiye kandi ku mategeko agenga amatora yo kuwa 29 Ukwakira 2017; cyane cyane mu ngingo yayo ya (26), mu gika cyayo cya (5) ivuga iti: "***Ibyemezo bya Komisiyo y'Ubujurire ku matora ya FERWAFA ni ntakuka. Byongeye kandi, nta bujurire kuri ibyo byemezo bushobora gukorerwa mu rundi rwego, rwaba urwa Leta cyangwa urw'ubutabera. Irengayobora ryemewe ni ukuba ubujurire bwagezwa imbere y'Urukiko Nkemurampaka rwa FIFA (TAS).***"

Dushingiye kubyavuzwe haruguru byose, komisiyo y'amatora yishimiye kubagezaho urutonde ntakuka rw'abemerewe kwiyamamaza mu matora y'abagize Komite Nyobozi y'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA) ateganyijwe kuwa 30 Kanama 2025.



Scanned with CamScanner

Urutonde ruyobowe na Bwana SHEMA NGOGA Fabrice nirwo rwemerewe kwiyamamaza nkuko bikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

## URUTONDE NDAKUKA RW'ABAKANDIDA BEMEREWE

| No | Amazina y'umukandida | Umwanya |
|---|---|---|
| 1 | SHEMA NGOGA Fabrice | Perezida (uyoboye urutonde) |
| | **Abari ku rutode rwa Perezida** | |
| 2 | GASARABWE Claudine | Visi perezida wa mbere ushinzwe ubutegetsi n' imari |
| 3 | MUGISHA Richard | Visi Perezida wa kabiri ushinzwe tekiniki |
| 4 | NSHUTI Thierry | Komiseri ushizwe imari |
| 5 | NIKITA GICANDA Vervelde | Komiseri ushinwe umupira w'amaguru w'abagore |
| 6 | NIYITANGA Désiré | Komiseri ushinzwe gutegura amarushanwa ya FERWAFA |
| 7 | KANAMUGIRE Fidèle | Komiseri ushinzwe tekiniki n'iterambere ry'umupira w'amaguru |
| 8 | NDENGEYINGOMA Louise | Komiseri ushinwe amategeko n'imiyoborere |
| 9 | Dr. GATSINZI Herbert | Komiseri ushinzwe ubuvuzi bwa siporo |

Bikorewe i Kigali, Ku wa 12 Kanama 2025

**ABAGIZE KOMISIYO Y'AMATORA**

KOMISIYO Y'AMATORA FERWAFA Tel:0788557732

RUGERA Jean Claude (Perezida)

NKUNZIMANA Bernard (Visi Perezida)

IRADUKUNDA Irene (Ugize Komisiyo)

UWANZIGA Eugenie (Ugize Komisiyo)

MUSANABAGANWA Christine (Ugize Komisiyo)



Scanned with CamScanner